



Ihame rigenga Imyitwarire

Imikorere Myiza kandi Ihanye y'Umuryango wa Women Deliver
n'Amasezerano kuri Porogaramu y'Abayobozi Bashya

Iri Hame rigenga Imyitwarire rirareba abakozi bose ba Women Deliver, abajyanama, abafatanyabikorwa, n'abitabiriye Porogaramu y'Abayobozi Bashya. Iri Hame rigenga Imyitwarire ryuzuzwa, kandi ntirisimbura mu buryo ubwo ari bwo bwose, **politiki zose ziriho za Women Deliver**, harimo na **Politiki yo Kurinda Abana n'Urubyiruko**. Kudakurikiza iri Hame rigenga Imyitwarire bishobora gutuma habaho igihano, harimo no guhagarika akazi cyangwa amasezerano, cyangwa gukurwa muri Porogaramu y'Abayobozi Bashya.

Ujya ubona cyangwa ugahura n'imyitwarire idakurikije iri hame rigenga imyitwarire, cyangwa ufite ibitekerezo ku buryo Women Deliver ishobora gukora byinshi kuri ryo? Turagushishikariza kutubwira impungenge zawe; bimenyeshe mu buryo butaziguye umwe mu bagize Itsinda ry'Urubyiruko cyangwa wandikire **safeguarding@womendeliver.org**.



Urwango nta mwanya rufite hano: Turabyamaganye kandi ntituzihanganira ivangura rishingiye ku nkomo, kugitsina, ku moko, ubukoloni, ku byiciro by'imibereho, ku myaka, ku bushobozi, ku kurwanya-LGBTQIA+ kurwanya ibitekerezo by'umuntu, kurwanya abanyamahanga, ku idini, ku miterere y'umubiri, kunyuzura, iterabwoba, cyangwa guhoza ku nkeke muri Women Deliver. Turashishikariza abantu ku giti cyabo n'abandi muri rusange gukora ibikorwa bituma habaho umutekano, habaho urwego rw'imibereho rutuma abantu bose bahuza kandi bagakorana.



Guharanira Uburenganzira bwa Muntu kuri bose: Women Deliver ivuganira kandi igamije guteza imbere uburenganzira bwo kwigenga ku mubiri no kwishyira ukizana kwa SRHR kuri bose, nta vangura, gutesha agaciro cyangwa inzitizi zo kubigeraho. Women Deliver ikurikiza inzira ishingiyeye ku burenganzira bwa muntu mu bikorwa byayo by'ubuvugizi, bivuze ko ibikorwa byacu by'ubuvugizi bishingiye ku kwiyemeza mu rwego rw'isi yose, kudashobora kwamburwa, no kugabanyirizwa uburenganzira bwose bwa muntu ku bantu bose. Uburenganzira bwa Muntu ni ubw'abantu bose, hatitawe ku bintu byinshi bihuriweho bishobora gutuma bahezwa; uburenganzira bwabo bwa muntu ntibushobora gutangwa n'ubushake cyangwa ku gahato; kandi uburenganzira bwa muntu bwose bufitanye isano kandi buruzuzanya. Nk'Abarengera Uburenganzira bwa Muntu ("HRDs") n'Abarengera Uburenganzira bw'Umugore ("WHRDs"), Women Deliver n'abavugizi bose bifitanye isano na Women Deliver biyemeje gukora cyane mu guteza imbere no kurengera uburenganzira bwa muntu bumwe cyangwa bwinshi, no kudatesha agaciro uburenganzira bw'abandi mu buryo bugaragara cyangwa butaziguye (reba **Indahiro ku barengera uburenganzira bwa muntu**). Abavugizi bose bakorana na Women Deliver bagomba kwiyemeza guteza imbere serivisi zuzuye z'ubuzima bw'imyorokere ku bakobwa n'abagore (**byasobanuwe hano**). Abavugizi bose bakorana na Women Deliver bemeranya kandi bashyigikira amahame y'ibanze ya Women Deliver yerekeye ubwigenge ku mubiri, uburinganire bw'abagore n'abagabo, n'ubuvugizi.

Ihame rigenga Imyitwarire

Imikorere Myiza kandi Ihanye y'Umuryango wa Women Deliver
n'Amasezerano kuri Porogaramu y'Abayobozi Bashya



Dufite amateka menshi, inararibonye, uko tubona ibintu, n'ibituranga bitandukanye: Twese dukomoka mu mico, amahame mbwirizamuco n'indimi bitandukanye, kandi ni ngombwa ko tumenya ko buri wese afite inshingano n'imyumvire bye. Hari ibintu bamwe bakora cyangwa bavuga, bishobora kudutangaza cyangwa bikatubera ibidasanzwe, kandi na bo ni uko. Aho gucira abandi imanza ngo ni uko batandukanye natwe, reka twiyemeze gusobanukirwa, kwemera no kwishimira ibyo dutandukaniyeho — haba muri twe no mu bandi.



Ahantu abantu bishimira: Women Deliver yiyemeje gukora porogaramu zacu ku buryo zigera ku bantu bose, zitarobanura, zirwanya ivangura ry'amoko, kandi zikaba zirwanya ubukoloni. Ntuzuyaze kutumenyeshya niba ufite impungenge cyangwa niba wifuza ko tugira ibyo duhindura kugira ngo witabire mu buryo bwuzuye kandi bwiza kandi ko ukomeza kudusaba kubahiriza amahame yacu y'impinduka. Duhamagariye kandi Abayobozi Bashya kureba imbere mu nzira zo kuba no gukora ibyo bifuzaga guhindura ubwabo.



Ikintu cyose gitangirwa uruhushya: Uruhushya ni amasezerano yo ku bushake, yemeza kandi y'impande zombi agaragazwa neza mu magambo cyangwa mu bikorwa. Uruhushya rugomba gutangwa mu bwisanzure nta mbaraga, guhatira cyangwa iterabwoba kandi rushobora gukurwaho igihe icyo ari cyo cyose niba wumva utabyishimiye. Gusaba uruhushya bisobanura gutega amatwi ibyo abandi batubwira no kubaha imipaka ya buri wese mu mibanire y'abantu, mu kazi, mu rukundo no mu mishyikirano ya bugufi. Women Deliver ifite politiki yo kutihanganira na gato gukoreshwa imibonano mpuzabitsina ishingiyeye ku nyungu n'ihohoterwa rishingiyeye ku gitsina (reba "**Kwiyemeza kwa Women Deliver ku Gukumira Gukoreshwa imibonano mpuzabitsinda ishingiyeye ku nyungu n'ihohoterwa Rishingiyeye ku Gitsina**" kugira ngo ubone ibisobanuro birambuye).



Icyubahiro ni ingenzi: Twese tugomba kugira uruhare, kumvwa, gukoresha imbaraga zacu, kandi tukagira uruhare mu guhindura ibintu. Kugira ngo ibyo bishoboke, buri wese akeneye kumva afite umutekanowo kuba uwo ari we by'ukuri. Nimureke tujye twitwara mu buryo burangwa no kubahana kandi tudacira abandi imanza.



Tekereza ku byo ukeneye: Tuzubaka ahantu ho kubafasha kwiyitaho no kuruhuka muri porogaramu zacu kandi turabasaba kubigenza mutyo no mu bikorwa byanyu by'ubuvugizi. Ni ngombwa gushyira imbere ubuzima bwacu n'ubuzima bwo mu mutwe kugira ngo tubashe kugabanya imihangayiko no kujagarara k'ubwonko, twirinde umunaniro ukabije, kandi tugire uruhare mu buryo bwose bushoboka. Niba ukeneye ubufasha, baza umwe mu bakozi ba Women Deliver.